

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME Jeannette
KAGAME MURI KONGERE IDASANZWE Y'URUGAGA
RW'ABAGORE RUSHAMIKIYE KU MURYANGO
RPF-INKOTANYI.**

Intare Conference Arena, Ku wa 10 Ugushyingo 2019

**Ba Nyakubahwa Bayobozi mu nzego z’Umuryango wacu
RPF-Inkotanyi,**

Bavandimwe Ntore z’Umuryango,

Mwaramutse neza!

Mbanje kubashimira uyu mwanya twafashe nk’Abagize Urugaga rw’Abagore n’abandi batumirwa bacu.

Nagira ngo kandi mbashimire ko ibyo twaganiriye mu nama y’urugaga iheruka, twagiye kubiganira n’abandi nk’uko twari twabiyemeje. Ndizera ko tuzabikomeza, bikagera mu muryango by’umwihariko tugashyiraho n’uburyo bunoze bwo gusuzuma impinduka zizavamo.

Ni kenshi tunganira ku **“Umuryango ushoboye kandi utekanye”**, n’uyu munsu turaza kugira abaza kubidufashamo, banatugaragariza ahakiri imbogamizi zidusaba gufata izindi ngamba.

❖ Ubundi ba Nyampinga ni abantu basesengura byose (***attention to the details***), bigatuma babona ibibazo rimwe na rimwe bitabonwa na bese, kandi bagashakisha uko byakemurwa. Ese biracyaturanga? Cyangwa uko inshingano z'umugore zigenda zaguka, ibibazo bigenda bitugora kubikemura?

Ndifuzza ko twajya inama, yo kongera kurebesha ijisho ry'umugore, umutima w'umugore n'ubumuntu bwacu, ibibazo byugarije umuryango. Mu muco wacu kandi, iyo bahigaga, ntibakubazaga icyo uzi, icyo utunze, cyangwa akazi ufite, ahubwo bakubazaga icyo wamariye abandi. Natwe rero ni ko dukwiriye guhiga.

Iyo tugiye mu mateka y'umuryango, usanga hari byinshi twagiye dukemura, kuko icyo gihe aritwe byarebaga twenyine nka RPF-Inkotanyi.

Ubu twabonye igihugu gishyiraho amategeko, ingamba ndetse n'uburyo budufasha kugana ku iterambere.

Urugaga rero rwacu, ni kimwe mu byo twashyiriweho bidufasha kuba imboni y'umuryango n'imbarutso y'impinduka mu guhindura ubuzima bw'abantu n'igihugu.

N'ubwo bigaragara ko hari intambwe yatewe ariko turabizi ko hakiri ibibazo bikeneye ingamba zidasanzwe. Munyemerere nk'Umunyamuryango, ntange impanuro, ziza kwiyongera ku biganiro tuza kugira n'ingamba tuza gufata.

❖ Iyo urebye usanga dufite ingamba nziza, ariko byagera mu ishyirwa mu bikorwa hakabaho ibidindira. Ese tugira uruhe ruhare mu kubikosora?

Ubundi mu ihuriro ry'abantu, ushobora gusangamo abazana impinduka, abarimo ariko batagize icyo bahindura cyangwa bica, hakaba n'abumva bitabareba ariko barimo. Tujye twibaza buri gihe uko twe mu rugaga rwacu duhagaze!

❖ Ibibazo bibangamira iterambere n'imibereho y'umugore ndetse n'umuryango, byatworohera kubyumva no kubikemura kuko twe bibaho, tuzi cyane uburemere bwabyo.

❖ Ibibazo byugarije umuryango iyo tubivuga, wumva buri wese bimureba(**accountability**)kandi akaba yanabibazwa.

Hanyuma wakumva uko bikomeza kugaruka, ukagira ngo ntawe ubishinzwe muri twe! Nk'abanyamuryango ba FPR, by'umwihariko urugaga, twongere twibuke ko turi imboni z'umuryango aho dutuye, aho dukora n' aho tuba.

❖ Hari ibyiciro by'ubuzima bw'igihugu turimo nk'Abagore, turi benshi, nyamara ugasanga hari gahunda zikidindira kandi duhari. Hari ubwo abantu batekereza ko ku rwego bariho, bitaborohera guhindura ibitagenda. Nyamara nta rwego ruto umunyamuryango yabamo, rwamubuza kuzana impinduka. Bisaba gusa kubishyiraho umutima n'ubushake.

❖ Ntidukwiye gucibwa intege n'ibyiciro dusanga birimo abagore bake, kandi ariho hari amahirwe y'ubukungu no gutera imbere. Uru ni urugendo twiyemeje kandi tuzarushobora. Birasaba rero, urugaga rwacu gutekereza icyatuma twihuta kugira ngo tubashe kugera ku yindi ntera.

Urugaga rukwiriye kutwigira uko Abanyamuryango bahugurwa byimbitse kandi bifite intego n' ibigomba kwibandwaho.

❖ Iyo urebye nk'Urugaga rw'Abagore rushamikiye ku Ishyaka riharanira iterambere ry'Ubushinwa, usanga bafite gahunda y'amahugurwa y'abanyamuryango, abafasha gutuma buri wese agira ishyaka mu maraso, mu mitekerereze no mu mikorere.

Bashyizeho kandi uburyo butuma abanyamuryango babazwa inshingano. Kuri bo, akazi urimo aba ari akawe koko! Uba ufite inshingano z'igihugu, ariko ukibuka ko ari ishyaka ryagutumye!

Bahisemo kandi ubukangurambaga bushingiye ku bintu by'ingenzi bikurikira: **Self-discovery** (Kwimenya), **Self-respect** (kwiubaha no kubahana), **Self-confidence** (Kwigirira icyizere), **self-improvement** (Kwicyebuka no guharanira impinduka), **self-reliance** (Kwigira). Ibi bikongerwaho kuba imboni n'imbarutso y'icyerekezo cy'ishyaka ryabo.

Urugaga rwazadufasha kureba uko natwe twarushaho kunoza ubukangurambaga bw'Abanyamuryango -Ba **mutima w'urugo, bakaba na ba mutima w'umuryango.**

❖ Munyemere ngaruke nanone ku bibazo tubona bijyanye n'ukuntu ireme ry'uburinganire n' ubwuzuzanye ryumvikana mu muryango. Burya impinduka zitangirira ku muntu, zikabona kugera ku bandi. Urugaga rukwiriye kureba uburyo ubwuzuzanye bwigishwa hakiri kare, abana bagakurana iyo myumvire. Tugakomeza kandi gushaka ba “**He for She**” badufasha gukomeza gusakaza iyo myumvire myiza.

Mu gusoza izi mpanuro, ndagirango nongere mbasabe tuzirikane neza agaciro ko kugira “**umuryango muzima**”, kuko murabizi niryo shingiro rya byose, niho twese dukomoka.

Twese duharanire kandi, kugira uruhare mu guha abato igisobanuro cyiza cy'umuryango.

Umuryango ushoboye, utekanye, aho abawugize bose bishimira kuwubaka, bagatinya kandi bakirinda kuwusenya.

Mbifuriye gukomeza kugira ibiganiro byiza ndetse n'amatora meza.

Murakoze, mugire umunsi mwiza!